IBIKORWA BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2019 - 2020

IBIRIMO

0. IJAMBO RY'IBANZE....2
1. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU....4
2. INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE MU MWAKA WA 2019-2020....5
3. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2019 KUGEZA KAMENA 2020....6
3.1. INTEGO Z'INGENZI *(PRIORITY TARGETS)* ZARI ZIKUBIYE MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA 2019-2020....6
3.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO YA 2019-2020....7
3.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2019-2020....7
3.2.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE IMANZA MU MADOSIYE BWAREGEYE INKIKO....11
3.2.3. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA W' 1994 BAHUNGIYE HANZE Y'U RWANDA....12
3.2.4. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO GUKORA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU BW'IGIHUGU....17
3.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA N'IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIKOMEYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE....22
3.2.6. IBYAGEZWEHO MU KUNOZA SERIVISI ZIHABWA ABASABA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO BAKATIWE CYANGWA BATAKATIWE N'INKIKO....32
3.2.7. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA ABAKOREWE IBYAHA N'ABATANGABUHAMYA....32
3.2.8. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2019-2020....35
3.3. IBINDI BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA MURI NYAKANGA 2019 KUGEZA MURI KAMENA 2020....36
3.3.1. IBYAGEZWEHO MU BIRO BY'UMUSHINJACYAHA MUKURU....36
3.3.2. IBYAGEZWEHO MU MIKORANIRE MYIZA N'ABATURAGE NDETSE N'ITANGAZAMAKURU MU RWEGO RWO KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUSHINJACYAHA BUKURU....38
3.3.3. IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU....39
3.3.4. IBYAGEZWEHO MU KWONGERERA UBUSHOBOZI ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU 40
3.3.5. AMAFARANGA YINJIJWE MU ISANDUKU YA LETA....41
4. IMIHIGO YA 2020-2021....41
5. UMWANZURO....42

0. IJAMBO RY'IBANZE

Buri mwaka Ubushinjacyaha Bukuru butanga raporo y'ibikorwa bwagezweho nk'uko biteganywa n'ingingo ya 25 y'Itegeko N° 014/2018 ryo kuwa 04/04/2018, rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

Ni muri urwo rwego iyi raporo ya 2019-2020 igaragaza intego z'ingenzi zikubiye mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru, n'ibikorwa by'ingenzi bwagezweho, hashingiwe ku nshingano n'ububasha buhabwa n'itegeko ryavuzwe haruguru, mu ngingo zaryo za 3 n'iya 28.

Mu mwaka wa 2019-2020, Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye amadosiye angana na 53,959 yiyongereyeho 8,515 angana na 19% ugereranyije n'umwaka wa 2018-2019.

Mu mwaka wa 2019-2020, Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwagenewe ingengo y'imari ingana na Frw 6,985,489,387 bukoresha Frw 6,836,430,566 ni ukuvuga 97.9%. Hasigaye Frw 149,058,821 atarakoreshejwe kubera ingaruka za covid-19 zadindije bimwe mu bikorwa byari byateguwe, cyane cyane mu kwezi kwa Werurwe, Mata ndetse na Gicurasi.

Muri uyu mwaka wa 2020-2021, Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye intego 6 z'ingenzi arizo: gufatira umwanzuro amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye, kuburana imanza mu nkiko, gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu, gukurikirana abakekwaho kurigisa umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta, kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka ku buzima bw'abaturage, ndetse no kunoza serivisi ya *casier judiciaire (E-Certificate)*.

Ubushinjacyaha Bukuru burashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika udahwema gutera inkunga Ubushinjacyaha Bukuru kugira ngo hatangwe ubutabera bwihuse kandi bunoze, ndetse n'abandi bafatanyabikorwa batera inkunga Ubushinjacyaha Bukuru mu mikoranire ya buri munsi.

HAVUGIYAREMYE Aimable
Umushinjacyaha Mukuru

Inshingano z'Ubushinjacyaha Bukuru

Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru rufite inshingano rusange yo gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mu gihugu hose. By'umwihariko, Ubushinjacyaha Bukuru bushinzwe ibi bikurikira:

1° gukora iperereza ku byaha mpuzamahanga byakorewe mu Rwanda no gushakisha ababigizemo uruhare;

2° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha byambuka imbibi;

3° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha bimunga ubukungu n'imari by'igihugu;

4° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibikorerwa abana n'ibikorerwa umuryango;

5° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha byerekeye imikoreshereze itemewe y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo;

6° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ingengabitekerezo ya jenoside, ibyaha byo guhakana no gupfobya jenoside n'ibindi bifitanye isano nayo n'ibyaha by'ivangura no gukurura amacakubiri;

7° gukora iperereza no gukurikirana ibyaha by'ikoranabuhanga;

8° gukora ubushakashatsi ku byaha bisanzwe no ku byaha mpuzamahanga byakorewe mu Rwanda;

9° gutanga no kubika inyandiko zerekana abahamwe n'ibyaha;

10° kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya.

Ubushinjacyaha Bukuru kandi bufite ububasha bwo

1° gukora iperereza ku byaha bikurikiranwa no kuyobora iperereza rikorwa n'abagenzacyaha;

2° gushinja no kuburana imanza z'inshinjabyaha mu nkiko;

3° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;

4° gufatanya n'izindi nzego z'ubutabera, zaba izo mu Rwanda cyangwa iz'ibindi bihugu, mu bikorwa byo gukurikirana abanyabyaha, kurwanya ubugizi bwa nabi no kurengera abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya hakurikijwe amategeko abigenga;

5° gukora indi mirimo iteganywa n'amategeko.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka mbere (1°); iyi raporo irerekana neza amadosiye Ubugenzacyaha bwashyikirije Ubushinjacyaha Bukuru kugira ngo buyafatire imyanzuro, n'ibyemezo bitandukanye bwayafatiwe nyuma yo kuyasesengura.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka kabiri (2°), raporo iragaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze amadosiye bwaregeye inkiko n'uko bwagiye butera imbere mu gutsinda ayo amadosiye.

Ku birebana n'ububasha buri mu gace ka gatatu (3°), hashyizweho amabwiriza ngengamikorere agamije kunoza serivisi, Ubushinjacyaha Bukuru buha abaturage.

Ku bubasha bwo gufatanya n'ibindi bihugu mu rwego rwo kurwanya ubugizi bwa nabi, iyi raporo iragaragaza ingano y'inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w' 1994 baherereyemo, abafashwe, abagaruwe kuburanishirizwa mu Rwanda n'ababuranishijwe bakanakatirwa n'inkiko z'ibihugu bafatiwemo.

Ubushinjacyaha Bukuru burashima ubufatanye n'izindi nzego za Leta n'iz'abaterankunga, zabufashije kugira ngo bugere ku musaruro ugaragazwa muri iyi raporo.

1. ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU

№	ICYO BAKORA	Abagabo	Abagore	Bose
1.	Abayobozi Bakuru *(Top Managers)*	3	1	4
2.	Abagenzuzi	4	1	5
3.	Abashinjacyaha ku rwego rw'igihugu	17	7	24
4.	Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye n'abayobozi b'amashami yihariye bari ku rwego rumwe	10	5	15
5.	Abashinjacyaha ku rwego rwisumbuye	48	32	80
6.	Abashinjacyaha ku rwego rw'ibanze	28	29	57
7.	Abafasha b'Ubushinjacyaha	31	57	88
8.	Abandi bakozi bunganira Ubushinjacyaha Bukuru *(Supporting Staff)*	45	38	83
	Igiteranyo	**186**	**170**	**356**

★ **NB:** Nkuko bigaragara, ihame ry'uburinganire rirubahirizwa mu Bushinjacyaha Bukuru kuko ubu 48% by'abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru ari abagore mu gihe abagabo ari 52%.

2. INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE MU MWAKA WA 2019-2020

№	Ibikorwa byakozwe	Ingengo y'imari Ubushinjacyaha Bukuru bwakoresheje kuri buri gikorwa
1.	Gukurikirana abakekwaho gukora ibyaha	3,851,485,509
2.	Gushakisha abakekwaho gukora jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 bahunze igihugu	510,112,409
3.	Gukurikirana abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu	323,031,641
4.	Kugenzura amadosiye akorwa n'abashinjacyaha	249,271,777
5.	Gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya	142,635,864
6.	Gufatanya n'ibindi bihugu mu kurwanya ibyaha	256,363,475
7.	Gushyira mu bikorwa umushinga ugamije kunoza serivisi zitangwa n'Ubushinjacyaha Bukuru *(Smart NPPA Project)*	150,000,000
8.	Ibindi bikorwa byakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru	1,353,529,891
Igiteranyo		**6,836,430,566**

★ **NB:** Mu mwaka wa 2019-2020, Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwagenewe ingengo y'imari ingana na **Frw 6,985,489,387** bukoresha **Frw 6,836,430,566** ni ukuvuga 97.9%, hakaba harasigaye **Frw 149,058,821** atarakoreshejwe kubera ingaruka za covid-19 zadindije bimwe mu bikorwa byari byateguwe, cyane cyane mu kwezi kwa Werurwe, Mata ndetse na Gicurasi.

3. IBYAGEZWEHO N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA NYAKANGA 2019 KUGEZA KAMENA 2020

3.1. INTEGO Z'INGENZI *(PRIORITY TARGETS)* ZARI ZIKUBIYE MU MIHIGO Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU Y'UMWAKA WA 2019-2020

Mu mwaka wa 2019-2020, Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku bubasha n'inshingano buhabwa n'itegeko, buhereye kandi ku bikorwa bikubiye mu igenamigambi ry'igihe kirekire (2018-2024) ndetse n'ibipimo by'ingenzi bishingirwaho mu gupima ingano n'ubwiza by'akazi, bwari bwihaye intego 7 *(targets)* zikurikira:

i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 99%;

ii. Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko kikagera nibura kuri 93%;

iii. Mu rwego rwo kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 bahunze igihugu, Ubushinjacyaha Bukuru bwiyemeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura 280;

iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta 2016-2017 agakorwa ku kigero cya 100%, naho aya 2017-2018 agakorwa nibura ku kigero cya 50%;

v. Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye, hongerwa ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza bwaregeye inkiko kikagera nibura kuri 83%;

vi. Kunoza serivisi zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'inkiko *(Criminal Record Certificate)*, kigatangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga *(E-certificate)*;

vii. Kunoza serivisi zihabwa abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikagera kuri 99%.

3.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE IMIHIGO YA 2019-2020

i. Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye kikagera nibura kuri 99% **(Reba umuhigo wa mbere (1°).**

3.2.1. IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMADOSIYE YAKOZWE MU BUSHINJACYAHA BUKURU MU MWAKA WA 2019-2020

Urwego rw'Ubushinjacyaha	**Amadosiye yinjiye**	**Abayakurikiranywemo**			**Amadosiye yafatiwe umwanzuro**			**Ayasigaye mu mpera za Kamena 2020**	**%**
		Abagore	**Abagabo**	**Bose**	**Ayaregewe inkiko**	**Ayashyinguwe**	**Ayakozwe yose**		
Urwego rw'ibanze	34,270	5,249	38,691	43,940	22,846	11,361	34,207	63	99.8
Urwego rwisumbuye	19,596	4,041	22,501	26,542	14,187	5,175	19,362	234	98.8
Urwego rw'igihugu	93	30	108	138	64	24	88	5	94.6
Igiteranyo	**53,959**	**9,320**	**61,300**	**70,620**	**37,097**	**16,560**	**53,657**	**302**	**99.4**

NB: Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, umuhigo wo kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye, Ubushinjacyaha Bukuru bwawugezeho ku kigero cy'100% kuko bwari bwahize gukora nibura 99% bukora 99, 4%.

Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro mu myaka irindwi ishize (Nyakanga 2013 – Kamena 2020)

Umwaka	Amadosiye yinjiye	Amadosiye yakozwe	% ayakozwe/ ayinjiye
2013-2014	28,697	27,687	96.48
2014-2015	28,864	28,637	99.21
2015-2016	25,453	25,285	99.34
2016-2017	35,509	35,190	99.1
2017-2018	43,226	42,622	98,60
2018-2019	45,444	45,267	99.6
2019-2020	53,959	53,657	99.4

Uko amadosiye yinjira mu Bushinjacyaha Bukuru yagiye yiyongera kuva Nyakanga 2013 kugeza Kamena 2020



★ **NB:** Nk'uko bigaragara, Ubushinjacyaha Bukuru guhera mu mwaka wa 2015-2016, amadosiye bwakira yikubye inshuro zirenga 2, kuko yavuye ku 25,453 mu mwaka wa 2015-2016 agera kuri 53,959 mu mwaka wa 2019-2020. Uku kwiyongera kugira ingaruka ku bwiza *(quality)* bw'amadosiye akorwa kuko n'ubwo yiyongereye cyane, abakozi ntibiyongereye.

Uku kwiyongera gukabije kwaturutse ku ivugururwa ry'itegeko ry'abunzi, kuko hari ibyaha 13[1] byari mu bubasha bw'abunzi byagaruwe mu bubasha

[1] **Ibyo byaha 13 byavanywe mu bubasha bw'Abunzi ni:** Ubujura budakoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho, ubuhemu, kwangiza no konona ibiti, imyaka, ibikoresho by'ubuhinzi n'ubworozi, gusenya

bw'Ubushinjacyaha Bukuru. Ikindi ni umubare w'abakora ibyaha wiyongereye kimwe n'ibyaha bishya bigenda bivuka.

Tugereranyije umwaka wa **2018-2019** aho twakiriye amadosiye **45,444** n'umwaka ushize wa **2019-2020,** aho twakiriye amadosiye **53,959**, usanga yariyongereyeho **8,515** angana na **19%.** Iyo usesenguye neza usanga iyi nyongera yaraturutse ku kwiyongera kw'ibyaha **2** aribyo: **gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n'Ubujura**. Ibi byaha nibyo biza ku isonga mu kugira amadosiye menshi, kandi uyu mwaka bikaba byariyongereye cyane hafi kwikuba inshuro 2 tugereranyije n'umwaka ushize wa 2018-2019.

Ubwiyongere bw'ibyaha bwiganje cyane mu ntara z'Iburasirazuba n'Amajyepfo kuko usanga inzego z'Ubushinjacyaha zihererye muri izo ntara arizo zinjije amadosiye menshi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe igaragaza uko amadosiye yagiye yiyongera hakurikijwe intara

Intara/Umujyi wa Kigali	**Amadosiye yinjiye**			
	2018-2019	**2019-2020**	**Ijanisha % (Tugereranyije 2019-2020 na 2018-2019)**	**Uko yiyongereye ku ijana**
Intara y'Iburasirazuba	10,579	13,619	128.7	28.7
Intara y'Amajyepfo	8,952	11,315	126.4	26.4
Intara y'Iburengerazuba	7,398	8,823	119.3	19.3
Intara y'Amajyaruguru	6,248	6,894	110.3	10.3
Umujyi wa Kigali	12,267	13,308	108.5	8.5
Igiteranyo	**45,444**	**53,959**	**118.7**	**18.7**

Inzego z'Ubushinjacyaha zihererye mu ntara y'Iburasirazuba nizo zagaragayemo ukwiyongera cyane kw'amadosiye yinjira, akaba yariyongereye ku kigero cya 28.7% tugereranyije n'umwaka ushize wa 2018-2019. Ibi bikaba

cyangwa konona inyubako utari nyira zo, guhisha ibintu bikomoka ku cyaha, gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica, gusebanya mu ruhame, gutukana mu ruhame, gukuraho, kwimura imbibe, kubika ku bw'uburiganya ikintu cy'undi watoraguye, gukangisha gusebanya, gutwika ku bushake amashyamba, imyaka iri mu murima, ibiti byatemwe cyangwa imyaka yasaruwe no guhutaza undi byoroshye ubikoranye ubushake.

byaratumye Intara y'Iburasirazuba iba iya mbere mu kugira umubare munini w'ibyaha mu gihe mu myaka yabanje Umujyi wa Kigali ari wo wazaga imbere.

3.2.2. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWATSINZE IMANZA MU MADOSIYE BWAREGEYE INKIKO

ii. Undi muhigo wari uwo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko, kikagera nibura kuri 93% **(Reba umuhigo wa kabiri (2°).**

Kuva Nyakanga 2019 kugera Kamena 2020, amadosiye 27,870 yaburanywe n'Ubushinjacyaha Bukuru mu nkiko yarasomwe; muri yo ibihumbi 25,808 angana na 93% bwarayatsinze nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko

Urwego rw'Ubushinjacyaha	Imanza zasomwe	Izo Ubushinjacyaha bwatsinze	Izo Ubushinjacyaha bwatsinzwe	Ikigero bwatsindiyeho imanza
Urwego rw'ibanze	16,361	15,427	923	94%
Urwego rwisumbuye	8,303	7,369	934	89%
Urwego rw'igihugu	3,206	3,012	194	94%
Igiteranyo	**27,870**	**25,808**	**2,051**	**93%**

NB: Uyu muhigo wo kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho imanza mu madosiye bwaregeye inkiko bwawugezeho 100%, nk'uko bwari bwahize.

Uko ubushinjacyaha Bukuru bwagiye butsinda imanza mu madosiye bwaregeye inkiko mu myaka 6 ishize (Nyakanga 2014 - Kamena 2020)



3.2.3. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA W' 1994 BAHUNGIYE HANZE Y'U RWANDA

iii. Undi muhigo wari uwo kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 bahunze igihugu, Ubushinjacyaha bwiyemeje gufatira umwanzuro amadosiye nibura 280 **(Reba umuhigo wa gatatu (3°).**

a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yakorewe amapererezа

№	Akarere iperereza ryakorewemo	Umubare w'amadosiye yarangirijwe iperereza
1	HUYE	209
2	RUBAVU	31
3	NYANZA	28
4	NYARUGURU	27
5	GISAGARA	24

6	KARONGI	15
7	GASABO	14
8	NYAMAGABE	12
9	KICUKIRO	8
10	NGOMA	7
11	NYARUGENGE	6
12	KIREHE	3
13	MUHANGA	3
14	KAYONZA	2
15	NYABIHU	1
Igiteranyo		390

★ **NB:** Muri aya madosiye yarangirijwe iperereza:

- **89** zarangirijwe iperereza, **7** zakorewe inyandiko zitanga ibirego zoherezwa mu bihugu baherereyemo, izindi umwaka warangiye zitaroherezwa;
- **79** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo barangije ibihano bari mu ngo zabo;
- **122** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo bakatiwe n'inkiko, bafungiwe mu magereza hirya no hino mu gihugu;
- **28** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo inkiko Gacaca zabagize abere;
- **31** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo bapfuye;
- **11** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo batigeze bakurikiranwa;
- **16** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo batarangije ibihano bari mu ngo zabo;
- **7** iperereza ryagaragaje ko abaziregwamo batakoze ibihano bakatiwe n'inkiko Gacaca;
- **7** iperereza ryarakozwe ntiryarangira rizakomeza gukorwa.

NB: Muri rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwafatiye umwanzuro amadosiye 298 mu gihe bwari bwihaye intego yo gufatira umwanzuro amadosiye 280. Ibi bivuze ko uyu muhigo wahiguwe ku kigero cya 100%.

b. Imbonerahamwe igaragaza inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 baherereyemo

№	Igihugu	Inyandiko zoherejwe
1.	MALAWI	2
2.	CONGO BRAZAVILLE	2
3.	TANZANIA	2
4.	DRC	1
Igiteranyo		**7**

★ **NB:** Muri uyu mwaka wa 2019-2020, inyandiko zitanga ibirego zakozwe zikanoherezwa mu bihugu abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 baherereyemo ni 7.

Mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2013 - Kamena 2020), Ubushinjacyaha Bukuru bwohereje mu bihugu bitandukanye inyandiko zitanga ibirego 969, inyinshi muri zo zikaba zaroherejwe muri DRC na UGANDA.

c. Imbonerahamwe igaragaza *commissions rogatoires* zaje n'amadosiye zakozeho

№	Ibihugu	Inshuro zaje	Umubare wa dosiye zakozeho iperereza
1.	FRANCE	2	16
2.	UK	2	5
3.	BELGIUM	2	3
4.	USA	1	1
5.	SWEDEN	1	1
6.	CANADA	1	1
7.	GERMANY	1	1
8.	NORWAY	1	1
Igiteranyo		**11**	**29**

d. Imbonerahamwe igaragaza abacyekwaho jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 baburanishirijwe hanze y'u Rwanda

№	Amazina	Igihugu cyamuburanishije	Itariki urubanza rwasomeweho	Igihano yahawe
1.	NERETSE Fabien	BELGIUM	28/05/2020	Imyaka 25

e. Imbonerahamwe igaragaza abagaruwe mu Rwanda

№	Amazina	Igihugu cyamugaruye	Itariki yagerejwe mu Rwanda
1.	MUKANDUTIYE Angéline	DRC	28/12/2019
2.	NTIRIZIMIRA Mathias	DRC	28/12/2019
3.	SINGIRANKABO Simon alias SEKARYONGO	DRC	04/02/2020

f. Imanza z'abakekwaho gukora jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 bagaruwe mu Rwanda zirimo kuburanishwa mu mizi n'inkiko z'u Rwanda

№	Dosiye	Aho yaturutse	Aho igeze
1.	Dr. MUGESERA Leon	CANADA	Iburanisha ry'urubanza mu rukiko rw'ubujurire ryarapfundikiwe, urubanza ruzasomwa ku wa 25.09.2020
2.	UWINKINDI Jean	ICTR	Urubanza mu bujurire ruracyaburanishwa mu rukiko rw'ubujurire
3.	MUNYAGISHARI Bernard	ICTR	Urubanza mu bujurire ruracyaburanishwa mu rukiko rw'ubujurire
4.	MBARUSHIMANA Emmanuel	DENMARK	Urubanza mu bujurire ruracyaburanishwa mu rukiko rw'ubujurire
5.	NTAGANZWA Ladislas	ICTR	Yakatiwe n'urukiko rukuru, ajuririra urukiko rw'ubujurire

			Urubanza mu bujurire ntiruratangira
6.	MUGIMBA Jean Baptiste	THE KINGDOM of the NETHERLANDS	Urubanza ruracyaburanishwa ku rwego rwa mbere (HCCI)
7.	IYAMUREMYE Jean Claude	THE KINGDOM of the NETHERLANDS	Urubanza ruracyaburanishwa ku rwego rwa mbere (HCCI)
8.	TWAGIRAMUNGU Jean	GERMANY	Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu rukiko rukuru (HCCI)
9.	TWAGIRAYEZU Wenceslas	DENMARK	Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu rukiko rukuru (HCCI)
10.	NKAKA Ignace & NSEKANABO Jean Pierre	DRC	Urubanza ku rwego rwa mbere ruracyaburanishwa mu rukiko rukuru (HCCI)

3.2.4. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA ABAKEKWAHO GUKORA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU BW'IGIHUGU

iv. Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta 2016-2017, agakorwa ku kigero cya 100% naho aya 2017-2018 agakorwa ku kigero cya 50% **(Reba umuhigo wa kane (4°).**

a. Amadosiye y'ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu yafatiwe umwanzuro

Icyaha	Amadosiye yinjiye	Abayakurikiranywemo			Ayaregewe Inkiko	Ayashyinguwe	Ayakozweyose	Akigwa	%
		Abagore	Abagabo	Bose					
Gutanga sheki itazigamiwe	640	444	571	1,015	146	493	639	1	99.8
Kurigisa cyangwa konona umutungo	448	195	681	876	284	131	415	33	92.6
Ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo	328	404	469	873	225	92	317	11	96.6
Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu	99	46	179	225	19	33	52	47	52.5
Ibyaha bijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta	45	23	96	119	8	18	26	19	57.8
Isonera ritemewe n'amategeko	37	18	60	78	4	15	19	18	51.4
Kutishyura umusoro wagenwe	10	3	12	15	4	5	9	1	90

Iyezandonke	7	3	6	9	5	2	7	0	100
Igiteranyo	**1,614**	**1,136**	**2,074**	**3,210**	**695**	**789**	**1,484**	**130**	**91.9**

★ **NB:** Muri rusange, intego y'ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu yakozwe kuri 91.9%.

b. Uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye bwaregeye inkiko mu byaha bimunga ubukungu bw'igihugu

Icyaha	**Imanza zasomwe**	**Abaregwaga muri izo manza**			**Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze**	**Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe**	**Ikigero cyo gutsindiraho imanza**
		Abagore	**Abagabo**	**Bose**			
Kurigisa cyangwa konona umutungo	176	52	291	343	144	32	81.8
Ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo	207	32	245	277	160	47	77.3
Isonera ritemewe	3	0	8	8	1	2	33.3
Ibyaha bijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta	4	2	9	11	1	3	25.0
Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda inyungu	14	4	22	26	6	8	42.9
Gutanga sheki itazigamiwe	65	16	61	77	56	9	86.2
Iyezandonke	2	0	2	2	2	0	100.0

IGITERANYO	**471**	**106**	**638**	**744**	**370**	**101**	**78.6**

c. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2016-2017

✓ **Amadosiye yafatiwe umwanzuro hashingiwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2016-2017**

Ibigo n'inzego za Leta byagenzuwe	**Ibigo n'inzego za Leta byakozweho ipererezа**	**Amadosiye yafunguwe muri izo nzego**	**Amadosiye yizwe akarangizwa**	**Amadosiye yaregewe inkiko**	**Ayoherejwe mu Bushinjacyaha bwa Gisirikare**	**Ayashyinguwe**	**Asigaye atarafatirwa umwanzuro**	**Impuzandengo y' ibyakozwe n'Ubushinjacyaha (%)**
161	113	119	114	08	1	105	05	95.7 %

- ✓ **Ingano y'ihazabu yaciwe igatangwa**

Mu ikurikirana ry'ibivugwa muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, hari aho Ubushinjacyaha Bukuru bwasanze ababigizemo uruhare bagomba gucibwa ihazabu. Iyo hazabu ikaba yaratanzwe hashingiwe ku ngingo ya 25 y'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'ihazabu yatanzwe

Umubare w'amadosiye yaciwemo ihazabu	Abatanze ihazabu	Ingano y'ihazabu yatanzwe
03	05	5,000,000 Frw

- ✓ **Ingano y'umusoro n'andi mafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta**

Mu ikurikirana ry'inenge zagaragajwe n' Umugenzuzi Mukuru w' Imari ya Leta, hari abo Ubushinjacyaha Bukuru bwasanze hari imisoro batakase cyangwa andi mafaranga yagiye yishyurwa mu buryo budakwiye, maze busaba ababigizemo uruhare kuyishyura.

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'amafaranga yinjiye mu isanduku ya Leta muri ubu buryo

Umubare w'amadosiye yishyuwemo imisoro n'andi mafaranga ategetswe	Abatanze imisoro n'andi mafaranga	Ingano y'amafaranga yagaruwe mu isanduku ya Leta
33	100	609,235,735 Frw

d. Incamake y'ibyakozwe n'Ubushinjacyaha Bukuru kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta y'umwaka wa 2017-2018

Imiterere ya raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta ya 2017-2018

Ibigo byagenzuwe	Ibigo byagombaga gukorerwa ipererereza	Ibigo byakorewe ipererereza	Ibigo bitarakorerwa ipererereza
173	100	87 (87%)	13

Ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho kunyereza umutungo wa Leta bagaragaye muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta

Amadosiye yagombaga kwigwa	Ayarege we inkiko	Ayashyi nguwe	Ayakozwe yose hamwe	Ayasigaye	Ayakozwe ku ijana
87	2	13	15	72	14.9%

Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya leta (Imisoro n'andi mafaranga byanyerejwe)

Umubare w'amadosiye	Umubare w'abari bakurikiranywe muri ayo madosiye basubije amafaranga banyereje	Amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta nta rubanza
10	13	329,859,920 Frw

★ **NB:** Gusubiza amafaranga ntibibuza uregwa gukurikiranwa. Muri aba 13 basubije amafaranga, naho 9 baregewe Inkiko.

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'ihazabu yatanzwe

Umubare w'amadosiye yaciwemo ihazabu	Abatanze ihazabu	Ingano y'ihazabu yatanzwe
1	7	7,000,000 Frw

3.2.5. IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA N'IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIKOMEYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE

v. Kongera ikigero dutsindiraho imanza z'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage **(Reba umuhigo wa gatanu (5°).**

- **IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBYAHA BY'INZADUKA**

a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye y'ibyaha by'inzaduka yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro

Icyaha	Amadosiye yinjiye	Abayakurikiranywemo			Ayaregewe Inkiko	Ayashyinguwe	Ayakozweyose	Akigwa	%
		Abagore	Abagabo	Bose					
Gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge	4,890	863	5,102	5,965	4,388	501	4,889	1	99.9
Ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga	158	33	153	186	86	71	157	1	99.4
Gucuruza abantu	29	15	18	33	16	12	28	1	96.5
Iyezandonke	7	3	6	9	5	2	7	0	100.0

b. Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza z'amadosiye y'ibyaha by'inzaduka bwaregeye Inkiko

ICYAHA	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe	Ikigero cyo gutsindiraho imanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge	3,334	551	3,678	4,229	3,141	193	94.2
Ibyaha bikoreshejwe ikoranabuhanga	64	11	58	69	56	8	87.5
Gucuruza abantu	5	2	4	6	4	1	80.0
Iyezandonke	2	0	2	2	2	0	100.0
Igiteranyo	**3,405**	**564**	**3,742**	**4,306**	**3,203**	**202**	**94.1**

- **IBYAGEZWEHO MU GUKURIKIRANA IBINDI BYAHA BYIHARIYE BIGIRA INGARUKA ZIKOMEYE KU BUZIMA BW'ABATURAGE**

✓ **Ibyagezweho mu gukurikirana abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina**

a. Imbonerahamwe igaragaza amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro

Icyaha	Amadosiye yinjiye	Abayakurikiranywemo			Ayaregewe Inkiko	Ayashyinguwe	Ayakozwe yose	Akigwa	%
		Abagore	Abagabo	Bose					
Gusambanya umwana	3,793	126	3,697	3,823	2,532	1,237	3,769	24	99.4
Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	2,430	149	2,288	2,437	1,941	472	2,413	17	99.3

Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato	781	13	856	869	402	372	774	7	99.1
Igiteranyo	**7,004**	**288**	**6,841**	**7,129**	**4,875**	**2,081**	**6,956**	**48**	**99.3**

b. Imbonerahamwe igaragaza uko Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina bwaregeye inkiko

Icyaha	**Imanza zasomwe**	**Abaregwaga muri izo manza**			**Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze**	**Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe**	**Ikigero cyo gutsindiraho imanza**
		Abagore	**Abagabo**	**Bose**			
Gusambanya umwana	1,727	39	1,742	1,781	1,281	446	74.2
Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato	211	4	248	252	167	44	79.1
Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	1,071	46	1,049	1,095	1,018	53	95.1
Igiteranyo	**3,009**	**89**	**3,039**	**3,128**	**2,466**	**543**	**82.0**

★ **NB:** Umuhigo wo kongera ikigero dutsindiraho amadosiye y'abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina nibura hejuru ya 83%, twawugezeho ku kigero cya 98.9%.

c. Uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina yagiye yiyongera mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2013 – Kamena 2020)

Umwaka	Gusambanya umwana	Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato
2013-2014	1,819	711	307
2014-2015	1,879	608	331
2015-2016	1,917	607	287
2016-2017	2,086	736	308
2017-2018	2,996	1,091	505
2018-2019	3,363	1,601	599
2019-2020	3,793	2,430	781

d. Ishusho igaragaza uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina yagiye yiyongera mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2013 – Kamena 2020)



e. **Ikigero cy'uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina Ubushinjacyaha Bukuru bwagiye buyatsinda mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2013 – Kamena 2020)**

Umwaka	Gusambanya umwana	Gusambanya ku gahato	Guhoza ku nkeke uwo mwashyingiranywe
2013-2014	78.3%	87.6%	93.0%
2014-2015	77.6%	79.1%	89.7%
2015-2016	77.0%	79.6%	96.9%
2016-2017	81.9%	72.7%	95.7%
2017-2018	78.9%	67.1%	96.7%
2018-2019	73.0%	70.6%	93.7%
2019-2020	74.2%	79.1%	95.1%

f. **Ishusho igaragaza ikigero cy'uko amadosiye y'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina Ubushinjacyaha bwagiye buyatsinda mu myaka 7 ishize (Nyakanga 2013 - Kamena 2020)**



★ **NB:** Nk'uko bigaragara, n'ubwo intego Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye mu gutsinda imanza z'ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina itagezweho 100%, ariko tugereranyije n'umwaka ushize wa 2018-2019, ikigero dutsindiraho imanza z'ibi byaha kiyongereyeho 3%, ikaba ari intambwe nziza mu gukurikirana abakekwaho ibi byaha.

- ✓ **Ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo**

a. Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro

Icyaha	Amadosiye yinjiye	Abayakurikiranywemo			Ayaregewe Inkiko	Ayashyinguwe	Ayakozweyose	Akigwa	%
		Abagore	Abagabo	Bose					
Ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo	323	118	290	408	211	105	316	7	97.8
Ihakana n'ipfobya rya jenoside yakorewe abatutsi	54	9	50	59	38	16	54	0	100.0
Ivangura no gukurura amacakubiri	150	41	119	160	98	51	149	1	99.3
Igiteranyo	**527**	**168**	**459**	**627**	**347**	**172**	**519**	**8**	**98.5**

b. Uko ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze imanza mu madosiye y'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo yasomwe n'inkiko

Icyaha	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe	Ikigero cyo gutsindirahoimanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Ingengabitekerezo ya jenoside	154	55	155	210	123	31	79.9
Ivangura no gukurura amacakubiri	48	9	43	52	40	8	83.3
Ihakana n'ipfobya rya jenoside yakorewe abatutsi	14	5	10	15	6	8	42.9

Igiteranyo	**216**	**69**	**208**	**277**	**169**	**47**	**78.2**

- ✓ **Ubwicanyi n'ibyaha bifitanye isano nabwo**

a. Amadosiye yinjiye n'ayafatiwe umwanzuro

Icyaha	**Amadosiye yinjiye**	**Abayakurikiranywemo**			**Ayaregewe Inkiko**	**Ayashyinguwe**	**Ayakozweyose**	**Akigwa**	**%**
		Abagore	**Abagabo**	**Bose**					
Ubwicanyi	739	179	1,087	1,266	599	135	734	5	99.3
Kwica umuntu bidaturutse ku bushake	394	21	374	395	158	235	393	1	99.7
Kwihekura	58	56	5	61	45	13	58	0	100.0
Igiteranyo	**1,191**	**256**	**1,466**	**1,722**	**802**	**383**	**1,185**	**6**	**99.5**

b. Imanza zasomwe n'imyanzuro y'inkiko ku byaha by'ubwicanyi n'ibifitanye isano nabwo

Icyaha	Imanza zasomwe	Abaregwaga muri izo manza			Imanza Ubushinjacyaha bwatsinze	Imanza Ubushinjacyaha bwatsinzwe	Ikigero cyo gutsindiraho imanza
		Abagore	Abagabo	Bose			
Ubwicanyi	393	88	574	662	355	38	90.3
Kwica umuntu bidaturutse ku bushake	118	8	118	126	113	5	95.8
Kwihekura	35	32	4	36	31	4	88.6
Igiteranyo	**546**	**128**	**696**	**824**	**499**	**47**	**91.4**

★ **NB:** Umuhigo wo gukurikirana by'umwihariko ibi byaha, hongerwa ikigero dutsindiraho amadosiye kikagera nibura kuri 83%, twawugezeho 100% kuko twayatsinze kuri 90.1%.

a. Ibyaha 10 byaje ku isonga mu madosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye

№	Icyaha	Inshuro icyaha cyagaragaye
1.	Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake	12,905
2.	Ubujura	11,978
3.	Gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge	4,890
4.	Gusambanya umwana	3,793
5.	Guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe	2,430
6.	Gukoresha ibikangisho	1,983
7.	Ubuhemu	1,663
8.	Ibyaha byerekeye uburyo bwo kugenda mu mihanda	1,311
9.	Kubabaza umubiri bidaturutse ku bushake	1,163
10.	Kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya	1,149
Total		**43,265**

★ **NB:** Nk'uko byagaragajwe haruguru, mu mwaka wa 2019-2020, Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye amadosiye **53,959** arimo ibyaha birenga **300**, muri ayo madosiye, ibyaha **10** gusa byihariyemo amadosiye **43,265** ni ukuvuga **80.2%.**

Muri aya madosiye yose, Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye uko ari **53,959** ibyaha **2** byonyine (Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake n'Ubujura) byihariye **46.2%** by'amadosiye yose yinjiye ni ukuvuga amadosiye **24,883**. Iyi ikaba ariyo ntandaro yo kwiyongera cyane kw'amadosiye kuko tugereranyije n'umwaka ushize, amadosiye y'ibi byaha yikubye hafi inshuro 2.

3.2.6. IBYAGEZWEHO MU KUNOZA SERIVISI ZIHABWA ABASABA ICYANGOMBWA KIGARAGAZA KO BAKATIWE CYANGWA BATAKATIWE N'INKIKO

vi. Kunoza serivise zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe n'Inkiko *(Criminal Record Certificate)*, kigatangwa 100% hifashishijwe ikoranabuhanga *(E-certificate)* (Reba umuhigo wa karindwi (6°).

Ku bufatanye n'Irembo, MINICT n'abandi bafatanyabikorwa, guhera mu kwezi kw'Ukuboza 2019, icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'Inkiko *(Criminal Record Certiificate)* gitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga gusa *(E-certificate)* guhera mu kugisaba kugeza ku kugihabwa, aho umuntu agisaba akanagihabwa atiriwe aza ku biro by'Ubushinjacyaha. Ibi bikaba bigabanya umwanya n'ikiguzi byagendaga mu gushaka iki cyangombwa.

Kuva Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020, Ubushinjacyaha Bukuru bwatanze ibyangombwa *(Criminal Record Certificates)* **71,376** bwinjiza mu isanduku ya Leta Frw **89,938,800**.

Muri uyu mwaka, mu rwego rwo kunoza iyi serivisi, abantu **49,930** bakatiwe n'inkiko binjijwe muri *software* ya *Casier Judiciaire*, mu rwego rwo kwirinda ko hari uwahabwa icyangombwa kiriho amakuru atari ukuri.

Ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), binyuze mu mushinga wa SMART NPPA, ubu hari kuvugururwa *system* ya *casier Judiciaire*, ku buryo ishobora guhererekanya amakuru na IECMS umuntu wese ukatiwe n'inkiko akajya ahita agaragara muri iyo *system*.

3.2.7. IBYAGEZWEHO MU KURENGERA NO GUFASHA ABAKOREWE IBYAHA N'ABATANGABUHAMYA

vii. Kunoza serivisi zihabwa abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya, cyane cyane hongerwa ikigero ibibazo byabo bikemurirwaho kikagera kuri 99% **(Reba umuhigo wa karindwi (7°).**

a. Ibibazo by'abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya byakiriwe n'uburyo byakemuwe

Mu mwaka wa 2019-2020, ishami ry'Ubushinjacyaha Bukuru rishinzwe kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya ryakiriye ibibazo 3,335 muri byo 3,296

byarakemuwe, naho 39 byari bigikurikiranwa mu mpera za Kamena 2020, ni ukuvuga ko 98.9 % by'ibibazo byakiriwe byacyemutse.

★ **NB**:Umuhigo Ubushinjacyaha Bukuru bwari bwihaye wo gukemura ibibazo by'abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya bukaba bwawugezeho 100%.

Imbonerahamwe igaragaza ibibazo byakemuwe

Ibibazo byakemuwe	Abakemuriwe ibibazo			
	Abagabo	Abagore	Abana	Bose hamwe
Ibibazo byakemuwe	1,520	1,223	553	3,296

b. Abatangabuhamya bashatswe

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amasezerano Inkiko Mpuzamahanga cyangwa Ibihugu binyuranye biba byagiranye na Leta y'u Rwanda, hagamijwe gukurikirana abanyabyaha batorotse ubutabera *(fugitives)*, ishami rishinzwe kurengera abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya rifasha *commissions rogatoires* n'inzego z'Ubushinjacyaha kubona abatangabuhamya baba bakenewe mu madosiye anyuranye.

Muri uyu mwaka wa 2019-2020, iri shami ryashatse rinashyikiriza abatangabuhamya bari bakenewe na *commissions rogatoires* zakoraga iperereza ku madosiye y'abakekwaho gukora jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 bahunze igihugu ndetse n'inzego z'Ubushinjacyaha mu buryo bukurikira:

Imbonerahamwe igaragaza abatangabuhamya bashatswe

№	Abashakiwe abatangabuhamya	Abatangabuhamya bashatswe			
		Abagabo	Abagore	Abana	Bose hamwe
1.	*Commission Rogatoire*	872	226	0	1,098
2.	Ubushinjacyaha Bukuru	113	42	16	171
3.	Uregwa	22	6	0	28
Total		**1,007**	**274**	**16**	**1,297**

c. Ibimenyetso by'inyongera byashatswe

Expertise médicale	*Attestation de naissance*	**Rapport** *médicale*	*Autopsie*	*Attestation de décès*	*Acte de naissance*	*Attestation d'identité complète*
403	112	111	13	12	12	3

d. Imbonerahamwe igaragaza ubufasha bunyuranye bwahawe abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya

№	**Ubufasha bahawe**	**Umubare w'abahawe ubufasha**
1.	Abamenyeshejwe imiterere y'amadosiye yabo	**964**
2.	Abahawe ifunguro	**785**
3.	Abahawe amafaranga y'urugendo mu gukurikirana imanza zijyanye n'ihohoterwa bakorewe	**383**
4.	Abacumbikiwe	**239**
5.	Abakorewe ubujyanama ku ihungabana bagize/*counselling*	**82**
6.	Abahawe insimburamubyizi	**70**
7.	Abashakiwe *passports*	**48**
8.	Abavujwe	**14**
9.	Abashakiwe abunganizi mu nkiko	**5**
10.	Abashinganishijwe ku mpamvu z'umutekano	**3**

3.2.8. UKO UBUSHINJACYAHA BUKURU BWAHIGUYE MURI RUSANGE IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2019-2020

№	Umuhigo	Igipimo *(indicator)*	Intego *(target)*	Ibyagezweho *(achievements)*	% y'uko umuhigo wahiguweho
1	Kuzamura ikigero rusange cyo gukora amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye	Amadosiye yakozwe ku ijana	99%	99.40%.	100.4%
2	Kuzamura ikigero Ubushinjacyaha Bukuru butsindiraho amadosiye bwaregeye inkiko	*Conviction rate*	93%	93%	100%
3	Kwihutisha ikurikiranwa ry'abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu.	Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro	280	298	106.4%
4	Kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu, nk'uko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta	Amadosiye yakozwe ku ijana	100% (2016-17) na 50% (2017-2018)	95.7% (2016-17) na 9.5% (2017-2018)	57.4%
5	Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage	*Conviction rate*	83%	87.7%	105.6%
6	Kunoza serivisi zihabwa abasaba icyangombwa kigaragaza ko bakatiwe cyangwa batakatiwe	Gutangwa 100% hifashishijwe ikoranabuha	100%	100%	100%

	n'Inkiko *(Criminal Record Certificate)*	nga *(E-certificate)*			
7	Kunoza serivisi zihabwa abahohotewe n'abatangabuhamya	% y'ibibazo byakemuwe	99%	98.9%	100%
Ikigereranyo rusange Ubushinjacyaha Bukuru bwahiguriyeho imihigo ya 2019-2020					**95.7%**

3.3. IBINDI BYAKOZWE N'UBUSHINJACYAHA BUKURU KUVA MURI NYAKANGA 2019 KUGEZA MURI KAMENA 2020

3.3.1. IBYAGEZWEHO MU BIRO BY'UMUSHINJACYAHA MUKURU

Mu rwego rwo gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ibyaha no gukurikirana abanyabyaha, nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 014/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare, mu ngingo yaryo ya 28, kuva Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020, Umushinjacyaha Mukuru yitabiriye inama mpuzamahanga zitandukanye, akora ingendo mu bihugu bitandukanye ndetse anakira intumwa ziturutse hirya no hino ku isi:

- ✓ Ku wa 8 Nyakanga 2019, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije yakiriye itsinda rishinzwe gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo ryo muri Repubulika ya TOGO, bagamije kwigira ku bunaribonye bw'u Rwanda mu kurwanya ruswa. Ibiganiro byabo byanibanze ku byagezweho n'Ubushinjcyaha Bukuru mu kurwanya ibyo byaha banafata ingamba zo kunoza imikoranire mu gukumira no kurwanya ibyaha.

- ✓ Ku wa 15 Kanama 2019, Umushinjacyaha Mukuru yakoranye inama n'Umushinjacyaha Mukuru wa IRMCT Dr. Serge BRAMMERTZ, baganira cyane ku ngamba zo kurwanya ibyaha hagati y'Ubushinjacyaha Bukuru na IRMCT.

- ✓ Ku wa 16 Nzeli 2019, Umushinjacyaha Mukuru yakiriye mu biro bye, Ambasaderi wa ISRAEL mu Rwanda H.E. Ron ADAM, baganira cyane ku bufatanye hagati y'Ubushinjacyaha bw'u Rwanda n'ubwa ISRAEL mu gukurikirana abanyabyaha.

- ✓ Kuva kuwa 18 kugeza 23 Mutarama 2020, Umushinjacyaha Mukuru yakoreye uruzinduko rw'iminsi 5 mu BUBILIGI. Urwo ruzinduko rwari rugamije kunoza imikoranire n'Ubushinjacyaha bw'Ububiligi mu kurwanya ibyaha.

- ✓ Kuva Mutarama kugeza Gashyantare 2020, Umushinjacyaha Mukuru yasuye Inzego z'Ubushinjacyaha hirya no hino mu gihugu mu rwego rwo guhuza imikorerere ndetse no gushakira ibisubizo ibibazo bagihura nabyo.

- ✓ Kuva kuwa 28 kugeza 31 Nyakanga 2019, Madamu DUSHIMIMANA Caludine/Umushinjacyaha ku rwego rw'igihugu yitabiriye inama y'iminsi 4, i Naïrobi muri KENYA. Inama yibanze cyane cyane ku kwongerera ubushobozi abagenzacyaha n'abashinjacyaha mu kurwanya ibyaha mpuzamahanga n'ibyambukiranya imbibi cyane cyane gucuruza abantu.

- ✓ Kuva kuwa 31 Kanama kugeza 06 Nzeli 2019, Bwana NYIRURUGO Jean Marie Vianney/Head EFCU yitabiriye inama ya 38 ya ESAAMLG *(Eastern and Southern Africa Anti-Money Laundering Group)* yabereye i Mbabane muri SWAZILAND. Iyo nama y'iminsi 7 yibanze cyane ku gusesengura raporo z'ibihugu 11 aribyo: BOTSWANA, ESWATINI, KENYA, LESOTHO, MADAGASCAR, MAURITIUS, MOZAMBIQUE, RWANDA, SEYCHELLES, UGANDA na ZIMBABWE.

- ✓ Kuva kuwa 22 kugeza kuwa 26 Ukwakira 2019, Bwana SIBOYINTORE John Bosco/Head GFTU yitabiriye inama ya komite Nshingwabikorwa ya APA yabereye i Maputo muri MOZAMBIQUE. Iyo nama yari igamije gutegura inama rusange ngarukamwaka ya APA yari iteganijwe kubera mu Rwanda kuva kuwa 02 kugeza kuwa 05 Ukuboza 2019.

- ✓ Kuva kuwa 02 kugeza kuwa 05 Ukuboza 2019, u Rwanda rwakiriye inama rusange ngarukamwaka ya APA, yibanda cyane ku ihame ryo kubahiriza amategeko mu kurwanya ibyaha byambukiranya imbibi na jenoside.

- ✓ Kuva kuwa 03 kugeza kuwa 07 Gashyantare 2020, abashinjacyaha ku rwego rw'Igihugu Bwana SIBOYINTORE John Bosco na Madamu NIYONKURU Françoise bitabiriye inama yari igamije kurwanya ibyaha byambukiranya imbibi no gufatira imitungo ifitanye isano nabyo. Iyo nama yateguwe na APA ku bufatanye na UNODC ibera Pretoria muri SOUTH AFRICA.

- ✓ Ku matariki atandukanye muri Nyakanga 2019, Ukwakira 2019, Mutarama 2020 no muri Gashyantare 2020 Bwana RUBERWA Bonaventure/ Umushinjacyaha ku Rwego rw'igihugu yakoreye iperereza mu gihugu cy'Ububiligi, ku bakekwaho ibyaha baherereye muri icyo gihugu.

- ✓ Kuva kuwa 25 kugeza 28 Gashyantare 2020, Bwana HABARUREMA Jean Pierre/Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu na Madamu MUREKATETE Bertille/ Umushinjacyaha ku rwego rwisumbuye bitabiriye inama yabereye i Nairobi muri KENYA yari igamije kwongera imbaraga mu kurwanya ibyaha byibasira inyamaswa muri Afurika y'Iburasirazuba. Iyo nama yateguwe na UNODC ku bufatanye n'Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru wa KENYA.

- ✓ Kuva kuwa 15 Gashyantare kugeza kuwa 13 Werurwe 2020, abashinjacyaha ku rwego rw'igihugu Bwana NIYONZIMA Vincent na Madamu UWANZIGA Lydia bitabiriye inama yabereye muri USA *(International Law Enforcement Academy, ILEA Roswell, New Mexico, USA)*. Abayitabiriye bayungukiyemo ubumenyi mu kugenza, gukurikirana no kuburanisha ibyaha byo gucuruza abantu no gushakira inyungu ku bana.

3.3.2. IBYAGEZWEHO MU MIKORANIRE MYIZA N'ABATURAGE NDETSE N'ITANGAZAMAKURU MU RWEGO RWO KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUSHINJACYAHA BUKURU

Mu rwego rwo kunoza imikoranire myiza n'abaturage ndetse no kubashishikariza kugira uruhare mu bikorwa by'Ubushinjacyaha Bukuru, muri uyu mwaka wa 2019-2020 hakozwe ibikorwa byinshi. Iby'ingenzi muri byo twavuga ni ibi bikurikira:

Kuwa 06 Nzeli 2019, Ubushinjacyaha Bukuru bwateguye ikiganiro n'abanyamakuru kigamije kumenyesha abaturarwanda uburyo bushya bwo gusaba icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko hifashishijwe

ikoranabuhanga *(e-criminal record)*, aho ushobora gusaba iki cyangombwa uri mu Rwanda cyangwa mu mahanga ukakibona utiriwe uza ku biro by'Ubushinjacyaha cyangwa Ambasade nk'uko byari bisanzwe mbere.

Kuva Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020 Ubushinjacyaha Bukuru bwateguye ibiganiro bitandukanye byanyuze ku radiyo na televisiyo byibanda cyane ku:

- Gukurikirana abakekwaho ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina;
- Gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu;
- Gukurikirana abakekwaho kurigisa no gukoresha nabi umutungo n'imari bya Leta bagaragajwe muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ndetse n'Ibindi byaha bimunga ubukungu n'imari by'igihugu;
- Gukurikirana abakekwaho ibyaha byo gucuruza abantu;
- Gukurikirana abakekwaho ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo;
- Gukurikirana abakekwaho iyezandonke;
- Gukurikirana abakekwaho gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge;
- Imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru.

Muri uyu mwaka kandi hakozwe ubukangurambaga mu bigo by'amashuri (mu mashuli 14 abanza na 12 yisumbuye), muri siporo rusange *(car free days)* ndetse no mu muganda. Ubwo bukangurambaga bwari bugamije gukangurira abaturarwanda kwirinda gukora ibyaha ndetse no gutanga amakuru ku gihe.

3.3.3. IBYAGEZWEHO MU BUGENZUZI BW'UBUSHINJACYAHA BUKURU

Duhereye ku igenamigambi ry'Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru ry'umwaka wa 2019-2020, Ubugenzuzi bwakoze ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

a. Kwakira no gucyemura ibibazo by'abaturage bagana Ubushinjacyaha Bukuru

Ubugenzuzi bwakiriye abaturage 96 bunashakira ibisubizo ibibazo byabo.

b. Ibibazo by'abaturage mu nyandiko.

Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha bwakiriye bunasubiza amabaruwa 580 yavuye hirya no hino mu gihugu.

c. Gukora igenzura ry'amadosiye yakozwe n'abashinjacyaha

Mu mwaka wa 2019-2020, Ubugenzuzi bwakoze igikorwa cy'igenzura ku ngano *(quantity)* ndetse n'ubwiza *(quality)* by'amadosiye 45,444 yafatiwe umwanzuro

n'abashinjacyaha ku nzego zose ndetse n'amadosiye 25,528 yasomwe mu yari yaregewe inkiko mu mwaka wa 2018-2019.

d. Gukurikirana imyitwarire y'abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru

Mu rwego rwo gukurikirana imyitwarire y'abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru no gushakira imyanzuro ibibazo byagaragaye, kuva Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020, Ubugenzuzi bw'Ubushinjacyaha Bukuru bwakoze iperereza ku myitwarire y'abakozi **3** hafatwa ibyemezo bitandukanye.

3.3.4. IBYAGEZWEHO MU KWONGERERA UBUSHOBOZI ABAKOZI B'UBUSHINJACYAHA BUKURU

Mu rwego rwo kwongerera ubushobozi abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru, kuva Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020, abakozi bagiye bitabira amahugurwa mu buryo bukurikira:

- Kuva kuwa 05 kugeza kuwa 16 Kanama 2019, MUREKATETE Bertille/ Umushinjacyaha ku rwego rwisumbuye yitabiriye amahugurwa yabereye mu Mujyi wa Nuremberg mu BUDAGE *(5th Edition of the Nuremberg Summer Academy for young Professionals)*. Ayo mahugurwa yibanze cyane cyane ku buryo bwo gukurikirana ibyaha byibasira inyokomuntu, ibyaha byo mu ntambara, ibyaha mpuzamahanga, ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina, uburenganzira bw'abaregwa, uburenganzira bw'uwakorewe icyaha, uburyo bwo kurinda abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya.

- HARINDINTWARI Côme/Umushinjacyaha ku rwego rw'igihugu yitabiriye amahugurwa ku kurwanya ibyaha byo gucuruza abantu yabereye i Caïro mu MISIRI;
- Abafasha b'Ubushinjacyaha 11 bitabiriye amahugurwa yabereye muri ILPD[2]/NYANZA, yibanda cyane ku gusesengura ibigize icyaha;
- Abafasha b'Ubushinjacyaha 68 bitabiriye amahugurwa yabereye muri ILPD/NYANZA yibanda ku buryo bwo gukora iperereza no kubaza abakekwaho gukora ibyaha;
- Abafasha b'Ubushinjacyaha 14 bitabiriye amahugurwa yabereye muri ILPD/NYANZA yibanda cyane kuri IECMS/Analytics

[2] **ILPD:** Institute of Legal Practice and Development

- Abafasha b'Ubushinjacyaha 11 bakurikiranye amasomo (DLP)[3] yatangiwe ILPD NYANZA na KIGALI.

3.3.5. AMAFARANGA YINJIJWE MU ISANDUKU YA LETA

Kuva Nyakanga 2019 kugeza Kamena 2020, Ubushinjacyaha Bukuru bwinjije mu isanduku ya Leta **Frw 1,313,527,055** aturutse cyane cyane:

- Mu byangombwa byatanzwe bigaragaraza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko;
- Abantu banyereje amafaranga bemera kuyagarura ku bushake nta rubanza;
- Ihazabu ryaciwe nta rubanza ndetse n';
- Amadosiye yaguzwe.

4. IMIHIGO YA 2020-2021

Muri uyu mwaka wa 2020-2021, Ubushinjacyaha Bukuru bwihaye intego 6 z'ingenzi *(6 targets)* zikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

№	Umuhigo (Umusaruro ku bikorwa uteganyijwe)	Gihamya y'ikizakorwa *(Indicator)*	Intego *(Target)*
1.	Gufatira umwanzuro amadosiye Ubushinjacyaha Bukuru bwakiriye	Ijanishya (%) ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro	99%
		Ijanisha (%) ry'amadosiye yaregewe inkiko	67%[4]
2.	Kuburana imanza mu nkiko	Ijanisha ry'imanza Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze *(Conviction rate)*	94%
3.	Gukurikirana abakekwaho jenoside yakorewe abatutsi bahunze igihugu	Umubare w'amadosiye yasesenguwe (mu madosiye 71,658 yavuye muri CNLG)	71,658 (100%)
		Umubare w'amadosiye yafatiwe umwanzuro	300
4.	Gukurikirana abakekwaho kurigisa umutungo wa Leta	Ijanisha (%) ry'amadosiye yafatiwe umwanzuro	100% (2017-2018)

[3] **DLP:** Diploma in Legal Practice

[4] Mu rwego rwo kurwanya ibirarane mu nkiko n'ubucucike mu magereza, Ubushinjacyaha Bukuru busabwa kugabanya imanza buregera inkiko. Uyu mwaka wa 2019-2020 twaregeye 69%. Intego ni ukugabanyaho nibura 2% umwaka utaha wa 2020-2021, tukaregera 67%.

	bagaragaye muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta		70% (2018-2019)
5.	Kunoza ikurikiranwa ry'abakekwaho ibyaha by'inzaduka n'ibindi byaha byihariye bigira ingaruka ku buzima bw'abaturage[5]	Ijanisha ry'imanza Ubushinjacyaha Bukuru bwatsinze *(Conviction rate)*	84%
6.	Kunoza serivisi ya *casier judiciaire (E-Certificate)*	Umubare w'abantu bahamijwe ibyaha n'inkiko binjijwe muri *system* ya *casier Judiciaire*	114,968

5. UMWANZURO

Uyu mwaka urangiye wa 2019-2020, hashyizwe imbaraga nyinshi mu gufatira umwanzuro amadosiye yashyikirijwe Ubushinjacyaha Bukuru mu rwego rwo kurwanya ko hakongera kuvuka ibirarane, kuko nk'uko bigaragara ku rupapuro rwa 8, mu madosiye 53,959 yinjiye mu Bushinjacyaha Bukuru, amadosiye 53,657angana na 99.4% yafatiwe umwanzuro.

Muri uyu mwaka kandi hitawe ku kongera ubwiza bw'amadosiye afatirwa umwanzuro, kuko mu manza 27,870 zasomwe n'inkiko, 25,808 zingana na 93% Ubushinjacyaha Bukuru bwarazitsinze, bivuze ko imanza Ubushinjacyaha Bukuru butsinda ziyongereyeho 3%, tugereranyije n'umwaka ushize wa 2018-2019, kuko icyo gihe bwatsinze 90%.

Ikindi cyitaweho cyane nk'uko bigaragara mu mihigo y'Ubushinjacyaha Bukuru, ni ugukurikirana abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w'1994 bahunze igihugu, kuko uyu mwaka amadosiye 298 yafatiwe umwanzuro.

Uyu mwaka kandi hanafashwe ingamba zo kwihutisha ikorwa ry'amadosiye y'ibyaha by'inzaduka n'ibyaha byihariye, cyane cyane ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu, ibyaha by'ihohotera rishingiye ku gitsina, gucuruza abantu, ingengabitekerezo ya

[5] *Cybercrimes, Money Laundering, Human trafficking, terrorism, GBV, Economic & Financial crimes, Genocide ideology and related crimes.*

jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo ndetse n'ubwicanyi n'ibyaha bifitanye isano nabwo.

Ku bufatanye n'Irembo, MINICT n'abandi bafatanyabikorwa, mu rwego rwo kunoza serivisi, guhera mu kwezi kw'Ukuboza 2019, icyangombwa kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko gitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga gusa *(E-certificate)* guhera mu kugisaba kugeza ku kugihabwa, aho umuntu agisaba akanagihabwa atiriwe aza ku biro by'Ubushinjacyaha.

Muri uyu mwaka wa 2020-2021, Ubushinjacyaha Bukuru buzakomeza gushyira imbaraga mu kwihutisha akazi no kunoza serivisi buha abaturage, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego bwihaye no gufatanya n'izindi nzego kugera ku ntego za NST-1 na Vision 2050.

Ibi Ubushinjacyaha buzabigeraho bwifashishije gukoresha ikoranabuhanga, kunoza ingamba zo kuzamura ikigero butsindiraho imanza cyane cyane iz'ibyaha by'ihohorera rishingiye ku gitsina, kugabanya dosiye ziregerwa inkiko, kumva no gukoresha neza amategeko mashya, kunoza ingamba zo guhangana n'izamuka ry'ibyaha byiganje nko gukubita no gukomeretsa, ubujura n'ibindi, kugira ngo haboneke umwanya uhagije wo kurushaho gukora kinyamwuga.

Hazashyirwa kandi ingufu mu mahugurwa y'abakozi haba mu gihugu no hanze yacyo, mu rwego rwo kunoza no kwongera umusaruro w'Ubushinjacyaha Bukuru.